No205 Gicurasi 2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO YA POLITIKI N'IMIYOBORERE MYIZA YA SENA YASABYE IMITWE YA POLITIKI KWIGISHA ABAYOBOKE BAYO AMAHAME REMEZO ATEGANYWA N'ITEGEKO NSHINGA

Kuwa gatanu tariki ya 26/05/2017, Ihuriro ryakiriye Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere Myiza ya Sena mu rwego rwo kumenyekanisha amahame remezo ateganywa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015; aho yahuye n'abayobozi ku rwego rw'Igihugu mu Mitwe ya politiki bafite mu nshingano ibikorwa bya Politiki n'abafite mu nshingano ubukangurambaga. Iyi nama kandi yari yitabiriwe n'abagize Biro za Komisiyo zihoraho z'Ihuriro.




*Depite MUKAKARANGWA Clotulde, Umuvugizi w'Ihuriro (Ibumoso) afungura inama*

Umuvugizi w'Ihuriro Hon. MUKAKARANGWA Clotulde, yahaye ikaze abagize iyi Komisiyo ya Sena ababwira ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari urubuga Imitwe ya Politiki ihuriramo ikaganira kuri politiki rusange y'Igihugu n'ibibazo bikiremereye, ikajya inama mu nshingano n'uruhare rwayo mu kubaka ubwunvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Yashimye abagize iyi Komisiyo ko baje gusobanurira abagize Ihuriro amahame remezo kugira ngo bashobore gukomeza kuzuza inshingano zabo.

Perezida wa Komisiyo, Hon. Jean Nepomuscene SINDIKUBWABO yabwiye abagize Imitwe ya politiki bitabiriye iyi nama ko mu nshingano za Sena harimo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'Amahame-remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga; asobanura ko Amahame remezo ari imirongo migari imiyoborere y'Igihugu yubakiyeho, aha bivuze ko politiki, amategeko, gahunda n'ibikorwa bya Leta biba bishingiye ku mahame remezo kandi bikaba bigamije ishyirwa mu bikorwa ryayo nk'imirongo nyamukuru Igihugu cyiyemeje kubakiraho icyerekezo cyacyo.



*Hon. Jean Nepomuscène SINDIKUBWABO, Perezida wa Komisiyo n'abandi basenateri bagize Komisiyo*

Yibukije ko Amahame Remezo ari atandatu (6) ariyo (1) Gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyo igaragariramo byose; (2) Kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, akarere n'ibindi, no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda; (3) Gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize; (4) Kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; (5) Kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo; (6) Gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

Yavuze ko muri rusange amahame remezo afite inkomoko mu Masezerano y'Amahoro y'Arusha; ku biganiro byabereye muri Perezidansi ya Repubulika mu (Rugwiro) guhera mu kwezi kwa Gicurasi 1998 kugeza muri Werurwe 1999 no ku byifuzo by'abaturage bagaragaje ubwo bitoreraga Itegeko Nshinga mu mwaka wa 2003 mu rwego rwo kurangiza inzibacyuho.



*Abitabiriye inama*

Mu bitekerezo byatanzwe; abagize Imitwe ya politiki bashimye ibi biganiro, basaba ko aya mahame yakomeza kwigishwa mu byiciro byinshi by'Abanyarwanda, bityo akaba umuco mu mikorere ya buri munsi y'abaturage n'abayobozi mu nzego zose z'Igihugu.




*Bwana KABERA Jean Paul, umwe mu bitabiriye iyi nama atanga igitekerezo*

Abagize Komisiyo ya Sena bashimye imikoranire myiza y'Ihuriro ndetse n'iy'Imitwe ya politiki irigize, bizeza abari mu nama ko bazakomeza gusobanura no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahame Remezo.

Mu gusoza, Umuvugizi w'Ihuriro yashimye gahunda y'iyi Komisiyo yo gusura inzego zinyuranye kugira ngo bakomeze gusobanurira ibyiciro binyuranye by'abanyarwanda aya Mahame-remezo, ayizeza ko Imitwe ya politiki izakomeza kuyubahiriza no kuyasobanurira abayoboke b'Imitwe ya politiki bahagarariye.

*Kuri uyu wa gatanu tariki ya 19 Gicurasi 2017, kuri Hotel Lemigo, mu Mujyi wa Kigali hatangiye inama mpuzamahanga y'urubyiruko ruturuka mu mitwe ya politiki yo mu bihugu bitandukanye hirya no hino ku isi ku nsanganyamatsiko ijyanye na demokarasi ihuza abantu cyangwa inclusive democracy mu rurimi rw'icyongereza. Iyi nama yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki mu Rwanda n' Umuryango wa International Institute for Democracy and Electoral Assistance (International IDEA).*




*Umuhango wo gufungura ku mugaragaro witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo umuvugizi Wungirije w'Ihuriro Madamu Ndangiza Madina (uwa 2 uvuye iburyo)*

Iyi inama mpuzamahanga ya mbere kuri demokarasi idaheza" The 1st Summer School for Youth Cadres of Political Parties on Inclusive Democratic Governance" izamara iminsi itatu (3), kuva tariki ya 19 kugera tariki ya 21 Gicurasi 2017.

Mu gutangiza iyi nama, uhagarariye Umuryango International IDEA yabwiye abayitabiriye ko aya mahugurwa ku Miyoborere idaheza muri demokarasi/ Inclusive Democratic Govenance yatumiwemo abayobozi b'Ingaga z'Urubyiruko mu Mitwe ya Politiki muri Africa no mu bindi bihugu byo ku isi, aho imwe mu Mitwe ya politiki yagennye abayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko n'abandi bayobozi. Yavuze ko ibihugu byayitabiriye harimo Urwanda, Kenya, South Soudan, Tunisia, Zambia, France, Uganda, Haiti, Nepal, Ethiopie na Sri Lanka.



*Bwana Dr. Maurice, wari ugahararije Internationa IDEA*

Mu gufungura ku mugaragaro aya mahugurwa, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro, Madamu NDANGIZA Madina wari umushyitsi mukuru, yahaye ikaze mu Gihugu cy'u Rwanda abashyitsi bose bitabiriye iyi nama, ababwira ko ku bufatanye bw'abatanga serivisi zitandukanye bazakomeza kwishimira uko bazakirwa aho bazagera hose.
Yababwiye ko Ihuriro ari urubuga Imitwe ya politiki yungurirana-mo ibitekerezo ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu; igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu.
Ababwira kandi ko ari Urwego ruhorho rwo kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki irigize mu kunoza imiyoborere yayo no gutunganya umurimo wa politiki.




*Madamu NDANGIZA Madina, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro*

Umuvugizi Wungirije yabwiye abari muri aya mahugurwa ko mu kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Ihuriro ryashyizeho gahunda ihoraho yo kwigisha urubyiruko ibya politiki n'ubuyobozi/ Youth political Leadership Academy aho Umutwe wa Politiki ugena urubyiruko rutarengeje imyaka mirongo itatu rwarangije cyangwa rwiga muri Kaminuza rusanzwe rufite inshingano mu Mutwe wa politiki, ati "abenshi bari aha barangije muri iyo gahunda". Ababwira ko yizera ko aya mahugurwa azaba umusingi wo kureba uko iyi gahunda y'amahugurwa y'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki atangwa n'Ihuriro yashyirwa ku rwego rw'akarere/regional cyangwa ku rwego mpuzamahanga/ worldwide.

Mu masomo rwahawe arimo ubumenyi bw'ibanze kuri demokarasi; Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu kubaka Igihugu; Imiterere n' imikorere y'Imitwe ya politiki; Imiyoborere n'imicungire y'impinduka muri Politiki; imitegurire n'imigendekere y'amatora muri demokarasi.



*Ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi*

Abitabiriye aya mahugurwa basuye ibice bitandukanye by'Igihugu cy'u Rwanda harimo n'Urwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi rushyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Kuri uru Rwibutso, bahakuye amasomo akomeye yo gukora politiki ishingiye ku gushaka iteka icyagirira abanyagihugu umumaro aho gukora politiki iryanisha abaturage ku nyungu zabo bwite.

Asoza aya mahugurwa; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yashimye abayitabiriye n'uruhare rwabo kugira ngo agende neza. Yashimye kandi abatanze amasomo muri iyi gahunda, yizeza ko igihe cyose azabera mu Rwanda, Ihuriro rizakomeza kugira uruhare mu migendekere yayo myiza. Yashimye umuryango International IDEA ubufatanye bagaragaje mu itegurwa n'itangwa ry'aya masomo.

Bwana BURASANZWE yasabye uru rubyiruko kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabo, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo cyane cyane bagira uruhare mu miyoborere myiza yayo.
Abibutsa kandi ko ibyo baba bateganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Ibihugu byabo muri rusange imbere.